Ruberangeyo Antoine
Utuye i Sahera
Commune ya Mukura
Prefectura ya Butare.

Butare, le 19/06/1973.

Bimenyeshejwe Nyakubahwa
Bwana Président wa Republika
y'Urwanda i Kigali.

Bwana Ministre w'Ubutegetsi
n'Ubucamanza i Kigali;

Bwana President w'Urukiko rwa
mbere rw'Iremezo rwa Butare
i Butare.

Bwana Juge Président w'Urukiko
rwa Canton ya Cyarwa i Butare.

Kuli Nyakubahwa Bwana Président
w'Urukiko rw'Ikirenga i Nyabisindu.

Impamvu:
Ibyongerwa kurwandiko
rwo kuwa 02 nzeli 1972
n'urwo kuwa 14 mata 1973.

Nyakubahwa Bwana President,

Ndagusaba gusuzuma impamvu zatumye President w'Urukiko rwa mbere rw'Iremezo Ndikumana Callixte ampagarika gukora. Aliko mugasuzuma mukurikije ibimenyetso nanjye ntanze niregura, mutibanze cyane kumvugo y'abanzi banjye twakoranye bahoraga bifuza ko nakwaka mitasiyo ngo noye kugumya gukorana nabo, ntimuyobewe ihabi yabo umuntu yategetse iyo atakibategeka bashaka kwihimura no gushaka ko baturuka akarere kamwe bihalira urukiko ubwabo.

Ibyo nsaba gusuzuma nibi; arinabyo byanditse kurwandiko rumpagarika kumulimo:

1) kureba ko nafatanye na assesseur-suppléant Cyaminani mu maboko tukarwanira mu Rukiko imbere y'abaturage dupfa urubanza anyaka nkuko Prezida w'Urukiko rwa mbere rw'Iremezo Ndikumana Callixte abivuga mucyemezo cye n°01/72 cyo kuwa 28 Kanama 1972.
2) Kureba ko nacikanye dossier y'urubanza nkayimarana iminsi 2 nkuko abivuga mu icyemezo cye.
3) Kubaza abantu bari bahari kuwa 26 Kanama 1972 ko babonye ndwana n'assesseur Cyaminani ngacikana n'idosiye y'urubanza. Abantu bari bahari ni aba: Sematabar Alexis, Bababenshi Callixte batuye Ku Nkubi, Comine ya Mukura, Nzabandora planton w'Urukiko rwa Kanto ya Cyarwa abizi neza mumutunguye yabibabwira ukuri, Mukangwije, Kabeba, Hitimana Emakulata batuye i Tumba muli Comine Mukura na Ndanibenga Apolinali w'i Tumba.

Bwana Przida iyo anketi sinyisabira yuko Ndikumana Karisiti ashaka ko mvanwa ku mulimo ahubwo nuk kuzingitiranywa nkabeshyerwa ibikomeye nkibyo numva bikojeje isoni kandi ntabikoze. Kandi lero nkamwe abakuru bacu mubyumv mubona ko ali iby'ukuri. Ninde wabona ko Ndikubwimana yabeshyera umucamanza ibintu nkibyo bitabayeho arumunyacyubahiro, nyamara abamuzi neza niwe wambere mubyerekeye kubeshya no kubeshyera abandi!

Muby'ukuri Ndikumana yatangiye kunyanga kera. Nigeze kumusaba amafaranga 200 y'inyongera ku indamnité z'umugore n'iya amafaranga 150 ku mwana kuko nali ncumbitse mumugi arayanyima kandi abo dukorana bayafite badacumbitse. Nagombye kuyaka Ministri aba aliwe uyampa. N'ubu Gahama wansimbuye ayafite adacumbitse kuko ar'umututsi wabo.

Aliko se ntimubona Ngirabakunzi Fidèle, juji-supeleya mu Rukiko rwa mbere rw'Iremezo ko yayamwemereye akayahabwa akaba ayafata kugeza na n'ubu kandi we adacumbitse ahubwo akora ataha iwe iteka. Ikindi ko Ngirabakunzi afite umwana w'umuhungu witwa Nkurunziza ufite imyaka 22 ntiyaretse kumufatira indemnité muli 1972 kandi yaravutse muli 1951. Muzabaze comptable Rutayisire Albert ko atariko bimeze. Gufatira umwana amafr.260 kugeza ku myaka 22 si ukubera ko afite ubutoni kuli Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo, Ndikubwimana Callixte ndetse biterwa n'uko yamuhaye inka, mugira ngo n'uku andusha gukora. Indi kigaragaza ubwo butoni nuko afata indemnités z'abana n'umugore nk'abakozi bacumbitse mu mugi kandi we akora ataha iwe atanafite nominasiyo

Nimurebe ikindi kigaragaza ko Ndikubwimana yampagaritse kubera urwango anyanga. Mbere yo kumpagarika yagomba kubanza kwita k'urwandiko n°106/R.A./Ass rwo kuwa 24 kamena 1972 rwamumenyeshaga ukuntu Juge-Président Gahama Yozefu yasheshe urubanza nari narangije guca nararuburanishije adahali byibura yarakwiye kubanza kurusubiza. Nimusome urwandiko n° 108/G.J/PRES rwo kuwa 26 kanama 1972 Gahama Yozefu Juji-Prezida w'urukiko rwa Kanto Cyarwa yandikiye Ndikubwimana Callixte Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rusubiza urwo nali nandikiye Ndikubwimana murasanga ku numero yarwo ya 5 Gahama yemera ko urwo rubanza yarusheshe narangije kuruca. Aho ngaho lero Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo iyo aza kuba intabera ntaba yarahaciyeho ngo ampagarike kandi nari nabimuregeye. Ibi ngibi yankoreye nibibereka ko abantu benshi barengana bazira ubusa kuko badatonnye kubakoresha.

Nimurebe ikindi Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Ikiremezo yali akwiye kwitondera mbere yo kumpagarika ku mulimo: yagombaga kubanza kumenya ibi ngibi Juge-Présidant w'Urukiko rwa Canton amvugaho muri uru rwandiko rwe n° 108/G.J./PRES rwo kuwa 26/8/72 ngo mbere yo gukora umulimo w'Ubucamanza mba narabanje kureka ibyo mbuzwa n'ingingo ya 35 y'itegeko ryo kuwa 25 werurwe 1963 lishinga mategeko y'abacamanza. Nimurebe ibivugwa kuri iyo ngingo:
Nibi abacamanza babujijwe ku buryo bubihanangirije:
1) gutera urusimbi
2) kwakira cyangwa kwaka ruswa ubwabo cyangwa bakoresheje undi muntu bihishemo kubera impamvu b bakwishingikirizaho yose;
3) kugira cyangwa gufata amatiku yo kurwanya amategeko ubutegetsi n'abategetsi bashyizweho cyangwa kubuza Republika y'u Rwanda gusugira no guhamana ubumwe n'ubwigenge bwayo;
4) Kwivumbura k'umulimo cyangwa gufasha abandi gutegura icyatuma Abacamanza cyangwa abandi bakozi ba Leta bivumbura imilimo yabo

./.

N'ukuvuga lero ko ibyanditse kul'iyi nyandiko ya Gahama Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo yemera ko nabikoze mbese akaba ali nabyo byamuteye kumpagarika kuko muby'ukuri ukora ibi ngibi Gahama Joseph Juji-Prezida mu rukiko rwa Canton Cyarwa amvugaho ntakwiye no kuba mu Rwanda ndetse aba ali inyenzi.

Cyakora bategetsi, umuntu wanditse uru rwandiko n°108/GJ/PRES.azamaraho abantu. Amagambo y'ubwicanyi nkaya aheruka mubo hambere mu gihe cy'ubukoronize (Ubuhake). Ese nk'ubu ko muri iyi nyandiko ya Gahama halimo ko nigeze kwandika urwandiko n°129/R.A/69 ngo nsebya abategetsi bose Gahama utaramara byibura imyaka 5 m'ubucamanza iyo baruwa yabwiwe n'iki ko nayanditse nsebya abategetsi bose. Niba aliho ashobora kuba aliwe wayandutse n'inshuti ze barayinyitirira.

Aliko imyaka 12 maze ku mulimo w'Ubucamanza kugirango njye kwandika inyandiko nsebya Abategetsi bose nali mpereye hehe? Nabahoraga iki? Niba yarayanditse akayinyitirira ntacyo izantwara, Imana irahari. Ndasaba Abategetsi kuzasuzuma iyo nyandiko Gahama avuga ko nadnitse nsebya Abategetsi bose mukareba ko sinye iliho ari iyanjye. Nizeye ko ntayo nanditse.

Ikindi Bwana Prezida mbasaba, ni ukubaza Gahama wanditse iyom nyandiko ukuntu ntera urusimbi no kugambanira ubutegetsi n'abategetsi no kubuza Repubulika y'Urwanda gusugira no guhamana ubumwe n'ubwigenge bwayo, cyangwa akagaraza ruswa naba narakiriye. Ndasaba ko yabibabwira imvaho aretse ibihimbano by'amayeri y'ubwicanyi bwa gitutsi gishaje avuga mul'iyi nyandiko ye n° 108/GJ/PRES.

Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo Ndikubwimana C. murebe ko agira uwo akunze n'uwo yanga ntabwo yarakwiye kwemera ko kuwa 26 Kanama 1972 narwanye na Cyaminani no kwemera ko nibye urubanza naburanishije kuko yaramaze kubona urwandiko n° 108/G.J/PRES ruvuga ibyo ntigeze gukora runsebya kandi ruhuje itariki n'uwo munsi bavuga ko narwanye. Yagomba kubanza kumenya ko ibyo ndegwa ali iby'ukuri ashingiye kuri uru rwandiko n° 108/G.J/PRES aho kuza akubita nk'inkuba ampagarika Nkaho ntabindi bihano yabona ampanisha.

Kubera ibi byose bili muli iyi nyandiko n°108/G.J/PRES. yo kuwa 26 Kanama 1972 yanditswe na Juge-Président Gahama Joseph, Ndikubwimana atashoboye gusuzuma agahitamo kumpagarika, iyi migirire ye iragaraza rwose ko ibili muli uru rwandiko rwa Gahama byose yabinyanditseho kubera Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo kugirango abone ibyo ashingiraho ampagarika, undi nawe yanga kwiteranya nawe. Mbese umuntu yabona ko aliwe wabimwoheje ngo abyandike. Nyamara uyu Gahama Joseph unsebya avuga ko natutse Abategetsi bose,anavuga ko ngambanira Abategetsi ngo no kubuza Repubulika y'Urwanda gusugira no guhamana ubumwe n'ubwigenge bwayo, Mumwaka wa 1959 ntarwanaga amahli y'amashyaka nawe ari Runali ari Inspecteur w'Amashuli ko kandi icyo gihe ntamuhutu wabaga Inspecteur mu mashuli.

./.

Abuze kuba ari we ugambanira Abategetsi we washoboye guhindura akiyita umuhutu kandi ari umututsi w'umwene mugunga, iyo aza kuba umuhutu ntabwo aba yarabaye Inspecteur mu gihe gishize kuko byari umuziro. Abonye mwene wabo Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo amusimbuje kuko abatutsi bazi kurwana ishyaka rya bene wabo bapyinagaza abahutu afatiraho kunsebya. Ariko abure kuba ariwe utuka Abategetsi bose, we warwaniraga Ubwami akaba yarabuneshejweho; jyewe natuka Abategetsi mbiheneyehe, kandi narabitoreye! Ahangaha mujye mumenyeraho ko abagufi barengana rwose, barenganywa n'ababasumbye.

Bwana Prezida, haliho impamvu zitari nkeya zigaragaza ko Prezida w'Urukiko rwa mbere rw'Iremezo yampoye urwango cyangwa gushakira mwene wabo Gahama Joseph umwanya, murwandiko rwe rumpagarika yivugiraga ko nafashe kungufu dosiye y'urubanza rwa Murangi na Bisetsimandwa nkaruhisha nanga ko rusomwa.

Ubundi akavuga ko nafashe dosiye y'urubanza nkayicikana nkayimarana iminsi ibili. Kuba lero kuyihisha no kuyicikana bivuguruzanya biragaragaza rwose ko ndengana ibyo bitabayeho, ahubwo aribyo ahimba.

Hari ahandi yivugira ko assesseur Cyaminani yankurikira nye kunyambura urubanza nkarumwima, kugeza ubwo dufatanye mumaboko ngo turi murukiko imbere y'abaturage iyo mvugo nayo irasaba kubaza abo baturage bari mu Rukiko; kandi nabahaye amazina yabo le 26/08/1972 nkuko byanditse kunyandiko impagarika. Nakoze Procès-Verbal, Remise-Reprise na Gahama Joseph kuwa 15/02/1972 nkomeza gukorana nawe nkajya musimbura atangira kunyiyenzaho agafata imanza naciye adahali akazihindura ukundi akazimpa nkazisinya, aliko nkamuregera Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo ntagire icyo abivuga. Mbonye ko bisa naho ari we umwoshya kunyiyenzaho, mumuregera mu rwandiko n°106/A.A./ASS rwo kuwa 24/08/1972, mbimenyesha Vice-Preésident ushinzwe Inkiko urwo rwandiko ntan'ubwo yarushubije.

Président w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo amaze kubona inyandiko imuregera Gahama yihutiye kumpagarika adashubije iyo nyandiko, yampagaritse kuwa 28/8/1972 kuwa mbere, inama yo kumpimbira ibirego yabereye kwa Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo Ndikubwimana Callixte ku cyumweru tariki ya 27/08/72 ikorwa n'abo dukorana bose n'iyo mpamvu nsaba ko ibyo bemeza banyomozwa n'abaturage bari mu'Urukiko kuwa 26/8/72 uretse abo nashoboye gufata amazina bonyine abandi mwababwirwa no gufata amadosiye y'imanza twasomye kuwa 26/8/72 kuko tubyandikaho ko basomewe.

Bwana Prezida, ndagusaba kwita kunzandiko nakwandikiye ngusaba kundenganura kandi nkwereka uko narenganye nzize kwangwa. Rumwe rwo kuwa 02nzeri1972 n'urundi rwo kuwa 14 mata '73, nkaba ngusaba kandi gusoma neza urwandiko n° 106.../R.A./ASS, nandikiye Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo Ndikubwimana Callixte namwandikiye mumenyesha ko Juge-Président Gahama J. yasheshe urubanza nari nasangije guca nararuburanishije adahali akili mw'ishuli ry'Ubucamanza.

Ikindi ngusaba, soma urwandiko n°108/G.J./PRES; rwo kuwa 26 kanama 1972 Gahama yandikiye Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Ikirenga kuwa 26 kanama asubiza urwo nari nanditse mbaza impamvu yasheshe urubanza naciye adahali akaruca bundi bushya. Murasanga hari aho yemera ko yarusheshe kuko haraho yivugira ati: kugirango mushimishe se nuko kubwe abakire n'abandi bafite ababavugira alibo bajya batsinda gusa! Ahongaho haragaragaza rwo se ko yasheshe urwo rubanza bikavuga kandi ko yari yarubayemo umugambanyi nkaba narahagaritse ndenganyijwe.

Ese niba yarabonaga ko halimo uwondenganyije iyo areka kurusesa ngo yongere kuruca kandi atabanje kuruburanisha maze akareka urenganye akajurira maze bikagaragara neza ko narenganyije, ubu se ko yaruciye kandi akandiko alijyewe warubereye Juge-Prezida ubwu yaratunganyije, kandi ntazi uko yongeye kuruderebura bundi bushya!

Nari narucishije ingingo ya 94 n'iya 137 z'Itegeko ryo kuwa 15/07/64 lishinga imiburanishirije y'imanza y'amahugu n'ubucuruzi nducisha n'ingingo ya 13 y'itegeko ryo kuwa 25 werurwe lishinga Ategeko y'Abacamanza mbitewe n'uko Gahama Joseph yari yarubayemo umugambanyi angondera kuruca ntsindisha umwe, kandi buri muntu afite ibyo atsindira mur'urwo rubanza. Nduca lero ko batsindaguranye, naruciye kuwa 12 kanama 1972, ngiye kurusomera ababuranyi kuwa 19 kanama 1972 Gahama ambuza kurusoma arabacyura, antegeka kuruca bundi bushya ndanga, kuko ntaho yarahuriye narwo; kuko kandi yashagako rucibwa runyuranyije nuko rwaburanishijwe niko guhita aruha Assesseur Suppléant Cyaminani Amutegeka uko aruca.

Ndabasaba ko mwaka iburanisha ry'urubanza n°3722/11 rwa Bisetsimandwa na Murangi mukareba uko narubujije n'uko naruciye n'uko Gahama Joseph, Juge-Prezida wa Canton Cyarwa yaruciye nicyo cyababwira ko ndengana. Ikindi cyabagaragariza ko ndengana n'ukubona amarorerwa yanditse murwandiko n°108/G.J/ PRES. rwo kuwa 26 kanama 1972, Gahama Joseph yanditse ansebya kandi anambeshyera kugirango abonse uko ampirika amfatanyije na mwene wabo, Prezida w'Urukiko rwa mbere rw'Iremezo Ndikuma Callixte kuko bombi ari abatutsi.

Aliko biratangaje kubona Gahama Joseph mu mwaka wa 1959 twararwanaga amahali y'Amashyaka, ari Runali arwanira ubwami indamukanyo ye ali gira Kigeri, abu akaba ampikirishije amayeri yo kunsebya no kumpira amakosa. Aliko abatutsi bacenger bate? Umva nawe; icyo mbivugiraho, kuwa mu mwaka wa 1959 na 1960; Gahama yari Runali twajyaga impaka kumugaragaro sibyo muhimbira, kandi byari ngombwa ko aba Runali n'umututsi w'umunyiginya w'umwenemugunga. Ukuntu yaje guhindura akiyandikisha ko ari Umuhutu w'Umunyiginya. Ni nk'uko Prezida w'Urukiko rwa mbere rw'Iremezo yari yarandikishije ko ar'Umuhutu w'Umuzigaba; ubu akaba yarongeye kwandikisha ko ar'umututsi, iryo hinduranya niyo nzira yo kutugirira nabi, jyeho barampitanye!

./.

Gahama waje kugaragara kuwa 15/02/1972 aza kunsimbura kujuge, Présidant w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Butare amuvanye mw'ishuli a'umwalimu atali shomeri ntacyo yigeze akolera Paliti ahongaho mwumva ataramayeri yo gusyigingiza mwene Gahutu ngo atagera kucyo yaharaniye. Erega bibaye nka wamugani ngo gukanura cyane siko kubona. Ikimbabaza cyane n'ukubona nicishijwe Gahama twahirimbanaga arwanira ubwami hamwe na bene wabo na baramu be bene Bideri na base wabo w'umugore we; turaturanye baranzi nanjye ndabazi. Aliko data ibyo basigaye babyita agatuza. Ariko n'uwabimugiriyemo nawe Natunganyije!

Mbasezeyeho mbifuriza amahoro, kandi mubane n'Imana iteka.

Nijyewe,

Ruberangeyo Antoine.

Repubulika y'Urwanda
Urukiko rwa Kanto Cyarwa.

/C o p i e/

Butare, le 24/8/1972.
N° 106/R.A./Ass.

IMPAMVU:
Ikibazo.

Kuli Bwana Prezida w'Urukiko rwa Mbere
rw'Iremezo rwa Butare.

Bwana Prezida,

Ikibazo cyanjye kirasobanuza ingingo 3 kandi kimaze igihe kirekire kitwononera imilimo y'urukiko nkibajije rero aruko kirambiranye mu kwica imilimo kuko kirimo amayeri yo gusabotana.

Maze igihe kirekirekirz mouranisha imanza kuburyo bwo gusimbura Jùge prezida Gahama akantegeka uko nzica kandi najya kuzikorera anketi nabwo tukajyana nagerageje kubyihanganira ndabyemera nanga ko bavuga ko nananiranye, aho agiriye i Nyabisindu kwiga nibwira ko azagaruka yamenye ko kizira gutegeka Umucamanza guca urubanza aruhererezа mu nzira amugonderaho.

Iyo ndebye ingingo ya 13 y'itegeko ryo kuwa 25 werurwe 1963 rishinga amategeko y'abacamanza, nsanga kugirango Gahama antegeke guca imanza nzihererezа mu nzira angonderamo al'ubugambanyi buturuka kurumwe mu baburanyi baba babonanye cyangwa se navuge ko arukutabimenya.

Kw'itariki ya 19 kamena 1972, natangiye kugirango nsome urubanza n° 3722/11 rwa Bisetsimandwa na Murangi rwaciwe kuwa 12 kanama 1972 rwaraburanishijwe kuwa 19 nyakanga 1972, ambuza kurusoma kandi rwaraburanishijwe adahari acyura ababuranyi antegeka kurusubiramo hali saa tanu mbanza kwanga ambwira ko aruha amuseseri akaruca, kuwa 21 kanama nduca uko abishaka nari navuze ko batsindagurana nduca ko umwe atsinze hashize iminsi ibili, ararusesa ategeka umwe mubo twafatanije kuruburanisha aruca bundi bushya ibyo kurusesa byo bimbabaza kuruta kuntegeka kuruca uko ashaka.

Ibyo kuntegeka guca urubanza uko ashaka ataruburanishije no kujya muri anketi y'urubanza ataburanishije no gusesa urubanza naciye, biragaragaza rwose ko adashaka kwubaha ingingo ya 13 y'itegeko navuze haruguru, kubera izo mpamvu nsobanuye, ndasaba Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo, na Visi-Prezida ushinzwe ubuyobozi bw'Inkiko kudusobanurira ko ibyo bikwiye gukomeza cyangwa kuvaho aliko bitabujije urubanza naciye kuguma uko naruciye, kuko mbona ko gusesa umanza naciye bàtamugenewe.

./.

Urwo rubanza naruburanishije nfatanyije n'abaseseri babiri nkuko ingingo ya 33 y'itegeko ryo kuwa 24 kanama 62 rishinga imitunganyirize n'ububasha bw'Inkiko z'Urwanda, ibiteganya sinumva ingingo Gahama ashingiraho kugirango arusese, mbasabye gusoma iburanisha n'ica ryarwo mukareba ko haruwo nabereye ko ahari alibyo byamuteye kurusese niyo kandi naba narabereye mbona ko ntabubasha afite bwo kugira icyo arukoraho. Nakoranye n'aba Juge Prezida Shyirahayo, Ntare, Shyirambere, Mubiligi na Ngirabakunzi ndumusigire wabo ibyo sinabibabonanye, ahubwo twipfiraga ibindi.

Ruberangeyo Antoine,
Juge Assesseur w'Urukiko rwa
Caton Cyarwa.

Se

Vido

- Bimenyeshejwe Prezida ushinzwe ubuyobozi bw'Inkiko z'Urwanda i Nyabisindu.
- Juge Prezida w'Urukiko rwa Caton Cyarwa.

/ Copie/

REPUBLIKA Y'URWANDA
URUKIKO RWA KANTO
CYAHWA.

Butare kuwa 26 Kanama 1972

N° 108/G/J./ Prés.

Impamvu:
Ibyerekeye baruwa
y'ikibazo cya
Ruberangeyo A. yo kuwa
24 Kanama 1972

Bwana Perezida w'Rukiko rwa
Mbere rw'Iremezo rw'i Butare.
i
B U T A R E.

Bwana Perezida,

- Nkulikije baruwa yo kuwa 24 Kanama 1972 wandikiwe na Aseseli Ruberangeyo.A. ivuga ko abuzwa ubwigenge mu ica ry'imanza aburanisha, ni uko kugira icyo mbivugaho ali ngombwa naho ubundi mbona byose yarabyivugiye.

- Mu gihe ntararangiza rapport yuko yakubitiye mu rukiko umucamanza mugenzi we Cyaminani.Th. mbanje gusubiza baruwa yanditse kuwa 24 kanama 1972.

- Mbere yo kwishingikiliza ku ngingo ya 13 y'Itegeko ryo kuwa 25 Werurwe 1963 Lishinga Amategeko Agenga abacamanza; we ubwe ibyo yali kuyikulikizamo akaba yarayishe kera, yali akwiye kumenya ingingo ya 31 y'Itegeko ryo kuwa 24 Kanama 1962 Ryerekeye imitunganyilize y'ububasha bw'Inkiko muli Republika y'Urwanda, yakubitiraho no kumenya ingingo ya 217 y'Itegeko ryo kuwa 15 Nyakanga 1964 Lishinga imiburanishilize y'imanza z'amahugu n'ubucuruzi muli Republika y'Urwanda, nkuko yiliranwa procédure muli Bar ngo niwe ushoboye, maze akabona uko amvugaho ibyongibyo

- Ibyerekeye gusesa imanza yaciye urwo rubanza narusheshe nte? Keretse niba kurusesa avuga ali uko yarushijwe amajwi na bagenzi be mu gihe cya délibération yarwo, ntirucibwe uko abishaka, nkuko yali asanzwe abigira mu gihe yali umusigire mbere. Xewe, umenya aliyo mhamvu yatumye akubitira mu Rukiko umucamanza mugenzi we Cyaminani.Th. kuko aliwe warwanditse bamaze kurumurushaho amajwi muli délibération.

- Iyo aba yarashoboye gukulikiza ingingo ya 32 niya 33 z'itegeko ryo kuwa 25 Werurwe 1963 Lishinga Amategeko Agenga Abacamanza,akabuzizwa jye nawe hamenyekana ugira aho abogamira mu ica ry'imanza.

- Kugira ngo mushimishe se ni uko ku bwe abakize n'abandi bafite ababavuganira alibo bajya batsinda gusa nkuko abyifuza? Naho urubanza rwa Murangi na Bisetsimandwa atangaho urugero rurabyemeza ntawundi mugabo uko mbibona. Uwareba ababuranyi bombi Murangi na Bisetsimandwa urwo rubanza ntirwamwemeza neza ibyo yica mu iburanisha n'ica ry'imanza?

- Ako gakecuru ashaka kwica ngo niwe ushoboye byonyine ntiwabiciraho urubanza?

Cyakora jye simbona umeze atya, kugeza ubwo akubitira umucamanza mu Rukiko imbere y'abaturage yali akwiye kubera urugero, ko uretse no, kuba umucamanza ko hali undi mulimo w'abaturage akwiye gugira mu Gihugu. Mbese nimurebe ibaruwa yabandikiye n° 129../R.A./69 isebya Abategetsi bose. Ibitutsi bilimo biragaragaza ukuntu ameze.

- Sinliliwe ntukana nkawe, uretse ko mbere yo kugira ngo abe yaragerageje gukora umulimo w'Ubucamanza, aba yarabanje kureka ibyo abuzwa n'ingingo ya 35 y'Itegeko ryo kuwa 25 Werurwe 1963 Lishinga Amategeko agenga abacamanza.

Ndi Juji-Perezida w'Urukiko rwa Kanto Cyarwa.

Sé GAHAMA. JOSEPH

Bimenyeshejwe:Bwana:

VICE-PRESIDENT USHINZWE
UBUYOBOZI BW'INKIKO Z'URWANDA.

I N Y A B I S I N D U.

Ruberangeyo.A. Aseseli mu
Rukiko rwa Kanto Cyarwa.
i
BUTARE.